RADIO MARIA RWANDA YABONYE ICYICARO CYAYO

Kuri uyu wagatandatu tariki ya 24/03/2018, Radio Maria Rwanda yatashye ku mugaragaro inyubako nshya yagenewe icyicaro cyayo mu mugi wa Kigali.

Uyu muhango wo gutaha iki cyicaro cya Radio Maria Rwanda wayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, akaba na Perezida w'Akanama k'Abepisikopi gashinzwe itangazamakuru mu Rwanda. Yatangiye afungura ku mugaragaro iyo nyubako, hakurikira guha umugisha iyo nyubako n'ibikoresho biyirimo, yegurira Imana na Shapeli ya Radio Maria Rwanda aha umugisha Alitari Ntagatifu izajya iturirwaho Igitambo cy'Ukaristiya. Hakurikiraho Igitambo cy'Ukaristiya cyaturiwe muri Stade amahoro i Remera.

Twababwira kandi ko Icyicaro cya Radio Maria Rwanda cyatangiye kubakwa I Kibagabaga mu Karere ka Gasabo muri Paruwasi Regina Pacis Remera Tariki ya 13 Gicurasi 2014 ubwo Nyiricyubahiro Musenyeri Thaddée NTIHINYURWA afatanije n'Abepisikopi b'u Rwanda bahaye umugisha ibuye ry'ifatizo; aho cyuzuye gitwaye amafaranga y'u Rwanda asaga Miliyoni Magana atatu (300 000 000Frw).

Iyi ni Inyubako Radio Maria Rwanda izakoreramo

Umwepiskopi yayifunguye ku mugaragaro ayiha n’umugisha

Bimwe mu bikoresho byayo



Alitari ihabwa Umugisha

Mu Gitambo cya Missa, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, yatangiye ashimira abantu mu ngeri zose ; abakristu bose muri rusange, Leta y'u Rwanda…,Ni ibyishimo byateguwe igihe kirekire kandi mwese abakristu n'inshuti mukaba mwarabigizemo uruhare rukomeye. Icyicaro cya Radio Maria Rwanda twatashye uyu munsi,twavuga ko ari igikorwa cyacu, ariko ni igikorwa cy'Imana, yo yaduhaye ubwenge bwo kugitekereza, ikaduha imbaraga n'ubushobozi bwo kukigeraho. Niyo mpamvu iki Gitambo cya Missa ari icyo gushimira Imana dukesha byose. Cyane dushimira Umubyeyi Bikira Mariya we twisunze mu masengesho yacu akayumva akayatugereza kuri Yezu Kristu Umwami wacu. Radio Maria Rwanda ,muri gahunda zayo zinyuranye harimo gukomeza kutumenyesha no kudukundisha uwo Mubyeyi waje ari ikimenyetso Imana yatanze, ishaka kutwereka ko ishaka kubana natwe.

Iyo dukurikirana inyigisho zinyuranye ziduhugura kuri Radio Maria Rwanda,amasengesho,indirimbo,tuba turushaho kwakira iryo hame ry'urukundo ko Imana turi kumwe binyuze kuri Bikira Mariya. Radio Maria Rwanda rero, Bavandimwe, twiherewe n'Imana n'Umubyeyi Bikira Mariya, nidufashe guhamya ukwemera kwacu,ukwizera kwacu, maze byose bigaragarire mu rukundo rugomba kutubyarira kubana neza,turangwa n'ineza, kurangwa n'ukuri, ari nabyo byaranze uwo Mwari w'isugi Bikira Mariya Nyina wa Jambo.

Mu ijambo rye Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, yagaragaje ko uyu munsi ari uw'Amateka utazibagirana ku bayobozi, abakristu, inshuti n'abakunzi ba Radio Maria by'umwihariko abakristu Gatolika, kuba iki cyicaro cya Radio Maria Rwanda cyarashyizwe mu murwa mukuru wa Kigali, buri mukristu yarushaho gushimira Imana yamushoboje kugira icyo atanga cyangwa yigomwa ngo iyi nzu yubakwe; twirinda kwibagirwa amasengesho yacu twasenze tuyanyujije ku Mubyeyi Bikira Mariya ngo tuzabashe kusa ikivi twari dutangiye, Bikira Mariya yaradufashije aduhakirwa k'Umwana we Yezu Kristu none umuhigo twarawuhiguye Izina rye nirihabwe ikuzo n'Icyubahiro.

Yaboneyeho gusaba abantu bose bagize uruhare mukubaka inyubako ya Radio Maria n'abandi bayikunda babifashijwemo na Radio Maria Rwanda guhamya ubutungane bw'Imana ari nabwo bahamagarirwa umunsi ku munsi birinda guhisha ubwo butungane mu mitima yabo ahubwo bakabugaragaza bamamaza ubudahemuka n'umukiro bituruka ku Mana, bityo bakarangwa n'ineza n'ukuri aho bari hose.

Yarangije ashimira Abayobozi ba Leta y'u Rwanda ,ashimira n'abandi bose bagize uruhare mu kubaka inzu ya Radio Maria Rwanda, n'abitabiriye uwo munsi mukuru bose.

UMUHOZA Vincent na Padiri Jean Marie KWIZERA